*REPUBULIKA Y'U RWANDA*

**URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA**

## KUMENYESHA ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RC 00060/2021/TB/BWS

Umunsi wa 27, ukwezi kwa Nyakanga, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri ;

Njyewe MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura;

Maze kubona ko urubanza RC 00060/2021/TB/BWS rwaciwe kuwa 28/02/2022, NZABONIMPA Clotilde mwene CYIMANIZANYE ELIEZEL na MUKANGOBOKA FRIDA wavutse 1/1/1984 utuye umudugudu wa Gitesi, Akagari ka Kayenzi, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba aregera ubutane bwa burundu akarega MUKESHIMANA Jean Baptiste mwene GASIRABO JUSTIN na NZAMWITA ANASTASIE utuye umudugudu wa Rurembo,Akagari ka Kibuye, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi,Intara y'Iburengerazuba, MUKESHIMANA Jean Baptiste adahari;

Maze kubona ko MUKESHIMANA Jean Baptiste agomba kumenyeshwa icyemezo cy'urukiko;

Nshingiye ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Menyesheje MUKESHIMANA Jean Baptiste ko urubanza rwaciwe mu buryo bukurikira :

Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na NZABONIMPA Clotilde gifite ishingiro;

Rwemeje ko ubutane NZABONIMPA Clotilde yasabye abuhawe;

Rutegetse ko NZABONIMPA Clotilde atandukanye burundu na MUKESHIMANA Jean Baptiste ;

Ruvuze MUKESHIMANA Jean Baptiste agomba gusubiza NZABONIMPA Clotilde amafaranga angana n'ibihumbi 10.000frws yatanze aregera Urukiko.

MPORWIKI Jean Marie Vianney